INTEKO N'INDANGANTEKO ZIFITE UMUMARO UTANGAJE!

Indanganteko ni akaremajambo kerekana ubumwe n'ubwinshi bw'ijambo, kakerekana inteko izina ririmo. Mu rwego rw'inyito, indanganteko ishingirwaho intego y'uturemajambo dusanisha. Byaragaragaye ntagushidikanya ko indanganteko iha izina igisobanuro. Birashimishije cyane kuba mu mimaro ifite harimo uwo kugena inyito y'izina (ni yo igena inyito igicumbi kiyikurikira).

Urugero rubigaragaza ni nk'igicumbi **–gabo** gishobora kugira inyito zitandukanye bitewe n'indanganteko bijyanye:

U-**mu**-gabo = umuntu w'igitsina gabo mukuru; i-**mi**-gabo= umuhate, ikemezo ndakuka; i-**n**-gabo = igikoresho k'intambara gikingira umurwanyi imyambi n'amacumu, igisirikare; u-**bu**-gabo = ukudacika intege;

U-**mu**-hungu = umuntu w'igitsina gabo ukiri ingaragu cyangwa ukiri muto; a-**ma**-hungu = umuhungu usuzuguritse cyangwa imvugo (amagambo) ikoreshwa n'abari muri icyo kigero,

U-**mu**-kobwa = umuntu w'igitsina gore utarashyingirwa cyangwa ukiri muto; a-**ma**-kobwa = umukobwa usuzuguritse cyangwa imvugo ikoreshwa n'abari muri icyo kigero.

Ntabwo byoroshye na gato kumenya inyito y'izina umuntu atitaye ku ndanganteko yaryo. Akamaro k'indanganteko mu kugena inyito y'izina kagaragara nk'uko byerekanywe iyo umuntu ayisimbuje indi ijyanye n'izina irimo kuko rihindura inyito.

Indanganteko iboneka mu ikomorazina

Iri komorazina rigenera ijambo inyito nshya ryifashishije indanganteko.

Ururimi rwemera rimwe na rimwe ko ijambo rigira indanganteko 2 zitandukanye bityo bikabyara amagambo abiri akomotse kuri rimwe cyanecyane mu nteko ya 7 n'iya 11.

- Icyo gihe inyito y'igicumbi iba iganisha ku kintu kimwe:

U-**ru**-me ↔ i-**ki**-me; U-**ru**-gondo ↔ i-**ki**-gondo; U-**ru**-yongoyongo ↔ i-**ki**-yongoyongo; U-**bu**-gondo ↔ u-**ru**-gondo; U-**ru**-tagangurirwa ↔ i-**ki**-tagangurirwa; U-**mu**-eênda ↔ i-**ki**-eênda (9)

- Hari n'igihe inyito y'igicumbi iba itaganisha hamwe:

A-**ma**-kuru ↔ i-**n**-kuru (inyama yakuwe ku ruhu) U-**ru**-banza ↔ i-**ki**-banza

- Hari amazina aboneka aturutse ku ndanganteko ikayongerera inyito y'ubuto, ubumwe, ubwinshi, kugaya, kurata, gushima n'ibindi. Rimwe na rimwe inyito nshya hari ubwo iba idafitanye isano n'iy'ijambo ryakomoweho:

I-θ-hene ↔ u-mu-hene ; i-n-ka ↔ u-bu-ka; U-mu-kobwa ↔ a-ma-kobwa ↔ i-n-kobwa; u-mu-hungu ↔ a-ma-hungu; i-mi-heto ↔ u-bu-heto ; a-ma-zi ↔ i-ri-zi; U-mu-gabo ↔ a-ka-gabo ↔ i-ki-gabo ↔ u-ru-gabo; u-ru-anwa ↔ u-bu-anwa; i-θ-pfa ↔ a-ma-pfa

- Indanganteko ishobora gukoreshwa mu ikomorazina igatanga amazina avuga imimerere, imico, ikigero n'ibindi.

U-mu-sore ↔ u-bu-sore; i-n-bwa ↔ u-bu-bwa; i-θ-buye ↔ u-ru-buye; u-mu-gano ↔ u-ru-gano; i-ki-tebo ↔ u-mu-tebo ; i-n-koni ↔ u-mu-koni; i-n-yoka ↔ u-mu-yoka

- Indanganteko ikomora izina ku rindi ikariha ikindi gisobanuro:

i-n-vugo ↔ u-mu-vugo; i-θ-tungo ↔ u-mu-tungo; u-ru-rimi ↔ u-bu-rimi; i-θ-si ↔ a-ka-si; u-ru-ra ↔ u-mu-ra; u-bu-riri ↔ i-ki-riri; i-ki-ti ↔ u-ru-ti; u-ku-ezi ↔ u-mu-ezi.

Umubare w'indanganteko wagiye ugaragazwa utandukanye bitewe n'abahanga bakoze ubushakashatsi ku kibonezamvugo mu Kinyarwanda.

1. André COUPEZ yasanze ari cumi n'ikenda:

1) mu : u-mu-ntu
2) ba: a-ba-ntu
3) mu: u-mu-ti
4) mi: i-mi-ti
5) i, ri: i-ri-inyo
6) ma: a-ma-inyo
7) ki: i-ki-bindi
8) bi: i-bi-bindi
9) n: i-n-ka
10) n: i-n-ka
11) ru: u-ru-gi
12) ka: a-ka-bati
13) tu: u-tu-bati
14) bu: u-bu-sore
15) ku: u-ku-boko
16) ha: a-ha-ntu
17) ku: ku musozi
18) mu: mu cyumba
19) i: i Butare

2. Alexis KAGAME yerekanye inteko cumi n'imwe

1) umu – aba : u-mu-gabo – a-ba-gabo

2) umu – imi: umu-heto – imi-heto
3) uru – in: uru-go – in-go
4) in – in: in-tama – in-tama
5) I – ama: i-zina – ama-zina
6) iki – ibi: iki-ntu – ibi-ntu
7) uku – ama: uku-guru – ama-guru
8) ubu: ubu-gabo
9) aka – utu: aka-buye – utu-buye
10) aha: aha-ntu
11) uru – ibi: uru-gabo – ibi-gabo

3) Simon BIZIMANA yatangaje inteko cumi n'esheshatu

1. -mu-: u-mu-ntu
2. -ba-: a-ba-ntu
3. -mu-: u-mu-ti
4. -mi: i-mi-ti
5. -ri-: i-ri-inyo
6. -ma-: a-ma-inyo
7. -ki-: i-ki-rahure
8. -bi-: i-bi-rahure
9. -n-: i-n-tondwe
10. -n-: i-n-tondwe
11. -ru-: u-ru-kuta
12. -ka-: a-ka-bati
13. -tu-: u-tu-bati
14. -bu-: u-bu-basha
15. -ku-: u-ku-emera
16. -ha-: a-ha-ntu

Alexis KAGAME ni we watanze umubare n'itonde by'indanganteko bitandukanye cyane n'iby'aba banditsi bandi, ariko na bo bagatandukanywa n'uko BIZIMANA yakoze indanganteko zijya guhura n'iza COUPEZ ariko akuramo "i" mu nteko ya gatanu hasigara "ri" gusa, hanyuma anakuraho indanganteko za 17,18, 19 mu zo COUPEZ yagaragaje.

Amazina amwe yo mu nteko ya gatanu ntagaragaza indanganteko -ri- (i-ø-zina, i- ø-tama, i- ø-suka,...). ururimi rwigeze gutakaza ijwi "ri" mu magambo amwe n'amwe ariko ririgumana mu yandi.

Arthur HANDS avuga ko mu Kinyarwanda habamo inteko 10, Overdulve we asanga ari 19.

Inteko zigirana ubumwe n'ubwinshi zite?

Ubusanzwe inteko zigirana ubumwe n'ubwinshi uko zikurikirana. Ariko si ko buri gihe bigenda. Hari izifata ubwinshi mu nteko zidakurikiranye na zo n'izidahinduka.

Nt 1 → nt 2: Umugabo → abagabo
nt 3 → nt 4: Umusozi → imisozi
nt 5 → nt 6: Iryinyo → amenyo
nt 6 →nt 6: Amapfa, amata...
nt 7 → nt 8: Ikigori → ibigori
nt 9 → nt 10: Inka → inka
nt 11 → nt 10: Urubavu → imbavu; urukuta → inkuta
nt 11 → nt 6: Urushyi → amashyi
nt 12 → nt 13: Akanigi → utunigi; akugi → utwugi
nt 14 → nt 14: ubukene, ubwenge, ubugingo, ubwana...
nt 14 → nt 6: Ubwato → amato; ubuhiri → amahiri
nt 15: Ukugenda, kuryama, ukwihorera...
nt 15 → nt 6: Ugutwi → amatwi; ukuguru → amaguru

Nk'uko bigaragara, inteko z'amazina zigira imikorere itangaje. Zorohereza abakoresha amazina mu buryo bayakoresha kandi ziteye amatsiko mbumbabumenyi. Ibyo bituma indanganteko zirushaho kugira umumaro munini abantu badakeka.

Ese hari amazina yiganza mu nteko izi n'izi?

Inteko za 1-2: zigira amazina menshi avuga abantu.
Inteko za 3-4: zigira amazina menshi avuga ibiti n'ibyatsi, ay'ubumenyi bw'isi.
Inteko ya 5: ishobora kugira amazina agaya. Habamo n'amazina yatiwe.
Inteko ya 12 n'iya 13: zigira amazina avuga itubya cyangwa isingiza/ishima
Inteko ya 7-8: zigira amazina menshi y'ibimera, cyangwa yongera ingano y'ikintu, cyangwa avuga ibiteye ubwoba cyangwa ibintu bibi. Ibamo amazina yavugaga abafite ubumuga. (igisebe, igihangange, ikirema, igipfamatwi...).
Inteko ya 9: igira amazina y'inyamaswa. Habamo n'amazina y'ibikoresho, abantu b'ibihanyazwa.
Inteko ya 11: Ibintu bitandukanye, ahantu hari ubwoko bw'ibiti runaka (urugano, urubuye)
Inteko ya 14: habonekamo cyane amazina avuga ibintu mboneshwabwenge (ubugingo, ubukene, ubuto, ubwenge, ubunebwe, ubugabo, ...).
Inteko ya 15: inteko irimo imbundo n'amazina ateye nka zo (kugenda-ukugenda, guhangayika-uguhangayika) n'amazina y'ingingo z'umubiri (ukuguru, ukuboko, ugutwi...)
Inteko ya 16: ibonekamo izina "ahantu" n'andi mazina aranga ahantu (hepfo, haruguru, ...).

Nta gushidikanya rero indanganteko z'amazina zifite umumaro ukomeye kandi ko utangaje kurusha uko abantu babitekereza. Ifite agaciro gakomeye mu Kinyarwanda kandi buri yose mu nteko yayo ikagira umwihariko ugirira uha ururimi ubwiza ukanarugirira akamaro ntagereranywa cyanecyane guha izina inyito no kuranga ubumwe cyangwa ubwinshi bwaryo.

Ubaye ukeneye kugira byinshi wiyungura wasoma inyandiko za Musenyeri Alegisi KAGAME na mwarimu Lawurenti NKUSI banditse mu gitabo Linguistique et Sémiologie des Langues au Rwanda cyanditswe na **G**roupe d'**E**tudes et de **R**echerche en **L**inguistique **A**ppliquée muri **U**niversité **N**ationale du **R**wanda - Butare mu wa 1980.